# 66: Ngwino, ngukize, mwangizi

1. Ngwino, ngukize, mwangizi: Nabony' ishavu ryawe ryose; Nyamar' ushatse ko ngukiza,Ukwiriye kunyumvira.Dor' uko mpagaze ku rugi;Ndi Shobuj' Umucunguzi. Nkuzaniy' imigisha myinshi : Mbese, ntiwankingurira ?

2. Kera, narakuvukiye,Ngucunguz' ubugingo bwanjye. Mbese, k' unangiw' umutima, Ubuz' uko wanshyiramo ? Namaz' iminsi myinshi cyane Ku rugi rwawe nkomanga. Mugenzi, ko bugiye kwira, Mbese, ntiwankingurira ?

3. Rya joro ridacy' iteka Ni ryir' uzantabaza s' ute ? Ntutind' unyitab' uyu munsi,mNgukikire, nkurengere ! Igihe cyawe kirakuze;Ntuvug' uti : Nzaz' ubundi. N' uza ku rugi rwanjy' utinze, Uzakomangir’ ubusa,

4. Nubwo wumv' utanyitaho, Jye ndacyakwinginga ngukunze, Nkurindire kugeza ryari ?Ngwino, ndakwifuz' i wanjye;Dor' uko mpagaze ku rugi :Ndi Shobuj' ukwitayeho. Nkuzaniy’ imigisha myinshi; Mbese, ntiwankingurira ?

Visit us at burundi.indirimbo.com